**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# UBUTUMWA BUSOZA URUGENDO RWO KWIBUKA KU NSHURO YA 25 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

***Walk to Remember 07/04/2019***

Ndagira ngo mbanze nshimire ko twese twitabiriye uru Rugendo rwo Kwibuka, ku nshuro ya 25, Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ndashimira cyane abashyitsi bavuye imihanda yose kw'isi bakaza kwifatanya natwe muri ibi bihe turimo. Kudushyira ku mutima bakaza guhagararana natwe mu bihe nk'ibi biducisha bugufi, bidutera ishema, turabyubaha cyane. Turabashima kandi turabasezeranya ko turi kumwe nabo.

Mbanje kandi gufata mu mugongo uwo ari we wese uri hano ndetse n'abadahari muri ibi bihe twibukamo abacu bishwe urw'agashinyaguro.

Sinshidikanya kandi ko tuzakomeza kwitabira ibikorwa byo kwibuka hirya no hino mu gihugu ku minsi yabigenewe, kuko uyu munsi byatangijwe ku mugaragaro ariko bikaba bizakomeza.

Munyemerere mvuge muri make Kwibuka icyo aricyo n'impamvu tubikora`

Turabizi twese ko kwibuka ari umuco wacu nk'Abanyarwanda. Kuva kera gupfusha uwo wakundaga bikurikirwa no gutabarwa n'inshuti, abavandimwe n'abaturanyi, kwirabura,

gushyingura uwapfuye no kumwunamira kugeza igihe cyo kwera. Muri byose abanyarwanda barisuganya kugira ngo birinde ko hagira uheranwa n'agahinda

Mu buryo bwihariye ariko;

Turibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ikadutwara abantu b'inzirakarengane basaga miliyoni. Turibuka icyaha cy'indengakamere, cyakozwe mu buryo budasanzwe kuko iyi Jenoside yakozwe n'abaturanyi, bica bunyamaswa abo bakuranye, bakoranye, biganye, bahanye abageni, basangiye akabisi n'agahiye, kandi ubutegetsi gito buhagarikira abicaga ngo barimbure abicwaga.

Turibuka kuko twagize amahirwe abana b'Abanyarwanda bagahaguruka bakayihagarika. Tuzahora dushima ubutwari bwabo tunazirikana abatanze ubuzima ubwabo baharanira gukiza ubwabicwaga. Turibuka kuko twagize amahirwe hakagira abarokoka. Ubu turabafata mu mugongo, dukomeze kubasaba kwihangana, kandi dufatanye na bo gukomeza kubaka ejo hazaza habereye u Rwanda.

Turibuka kugira ngo dukomeze guha agaciro abacu Jenoside yatwambuye tukibakeneye, tuzirikane ko bazize uko bavutse, tubashe gukomeza kubaka mu bato n'abazavuka, ubutwari bwo guharanira ko amahano nkayo atazongera no gutekerezwa ukundi.

Turibuka kugira ngo tuzirikane ikiremwa muntu cyane cyane **Umunyarwanda n'amateka ye**: ibyo ashoboye birimo ibyiza n'ibibi, uko yashutswe ngo yihekure yabijyamo akiva inyuma, n'ingaruka byamuviriyemo. Twibuka aya mateka yacu mabi kuko ari ngombwa kugira ngo tuyigireho, kandi dufatanye twese gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.

Turibuka kugira ngo dukomeze gushikama ku Bunyarwanda bwacu, dusigasire ubumwe dukomeze gufatana urunana, twubake igihugu kizira amacakubiri ukundi.

Turibuka kugira ngo hato tutazibagirwa hakagira uduca mu rihumye akongera kubiba amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside, tugamije no kwima icyuho uwo ari we wese uhakana cyangwa upfobya jenoside yakorewe Abatutsi.

Munyemerere nsoreze aha nongera gushimira ko twaje kwibuka, mbifuriza gukomeza kwihangana, guhangana n'ingaruka Jenoside yadusigiye ariko cyane cyane kwiyemeza ko

urugendo igihugu cyacu cyafashe rwo kubaka ubumwe no gutera imbere ruzakomeza nta nkomyi tukaruhererekanya ibihe byose.

Murakoze